# Kigali: Abanyamahanga bacururiza ku muhanda ntibakurikiranwa ariko abanyarwanda babikora bakabizira

Yanditswe: 8/09/2016

***Mu gihe abanyarwanda bakora ubucuruzi umujyi wa Kigali uvuga ko butemewe bakomeje kwamaganwa ndetse n'ufashwe akamburwa ibyo yacuruzaga rimwe na rimwe akanafungwa, abakora ubwo bucuruzi baravuga ko ibi bikomeje gukorerwa abanyarwanda gusa, nyamara abanyamahanga bakora ubu bucuruzi ntihagire n'umwe ubatunga agatoki.***

Abakora ubucuruzi ubuyobozi bw'umujyi wa Kigali buvuga ko butemewe (abazunguzayi) baravuga ko bababajwe no kubona abanyarwanda bavukiye mu Rwanda, ari bo bamburwa ibyo bacuruza ndetse bakanakubitwa nyamara ngo abanyamahanga bakora ubu bucuruzi bo ntihagire n'umuntu nuwe wabavuga, dore ko nabo baba bacuruza ku mihanda ndetse n'ahandi hantu hose hahurira abantu benshi.





***Abamasayo bo gucururiza mu mihanda ntibabihanirwa***

Aha aba bazunguzayi batanga urugero ku bamasayi baba bacuruza inkweto mu mujyi wa Kigali, bakagera aho babonye hose ariko ugasanga nta muntu ucunga umutekano numwe ubabujije cyangwa ngo abake ibyo bacuruza.

Ibi ngo biri mu biri kubabaza aba banyarwanda bakubitwa n'inzego z'umutekano umujyi wa Kigali washyizeho ngo bamagane abazunguzayi.

Aba bazunguzayi bibaza uburyo umunyarwanda yakwirukanwa akanakubitwa ndetse akitwa umwanda, ari gukora ubucuruzi agira ngo atunge umuryango we atagiye kwiba cyangwa ngo yishore mu zindi ngeso mbi, nyamara umunyamahanga we ntibagire icyo bamutwara.

Aha kandi bibaza niba abanyamahanga ari bno bemerewe gukora ubucuruzi nk'ubwo abanyarwanda bo badakeneye kubaho neza?



***Abazunguzayi bakomeje gusuka amarira menshi bavuga ko bahanirwa gucururiza mu kajagari abanyamahanga ntibabihanirwe***

Gusa ku ruhande rw'umujyi wa Kigali, umuyobozi w'akarere ka Nyarugenge wungirije ushinzwe ubukungu Nsabimana Vedaste yabwiye Royal Fm ko nta muntu numwe wemerewe gukora ubwo bucuruzi ngo kuko itegeko ryemerera abashinzwe umutekano gufata ukoze ubucuruzi butemewe wese. Ubu bucuruzi bukaba bwitwa ubucuruzi bwo mu kajagari.

Nyamara nubwo bimeze bityo, iyo witegereje akenshi (abazunguzayi) b'abanyarwanda bakora ubu bucuruzi bakunze gufatwa n'abacunga ubutekano umujyi wa Kigali washyizeho, aho usanga bumwe aba bazunguzayi bakubitwa ndetse bakanamburwa ibyo bacuruza, ariko nta na rimwe harumvikana uwitwa ngo ni umunyamahanga wambuwe ibyo acuruza kandi bigaragara ko bose baba bari gucuruza, dore ko abenshi baba bacuruza inkweto, nyamara hari n'abanyarwanda baba bazicuruza.

**Gilbert MAHAME-Imirasire.com**